COVID-19

Ohio Department of Health

# Inyandiko y'amakuru yerekeye COVID-19

## Ubwoko bw'ibyangombwa byemewe muri gahunda zo guhabwa urukingo

Iyo wemerewe guhabwa urukingo rwa COVID-19 muri Ohio kandi ukaba uri kwitegura gahunda yawe yo gukingirwa cyangwa kuvurwa, ibuka kwitwaza ubwoko bw'icyangombwa cyemewe.

Ukingira agusaba ibyangombwa kugira ngo agenzure **umwirondoro, amazina, n'imyaka**. Si ngombwa ko werekana icyangombwa cy'ubwenegihugu cyangwa ibijyanye no gutura. Ibyangombwa byawe n'ubundi biremerwa byaba byarataye agaciro cyangwa byaratangiwe mu yindi leta cyangwa ikindi gihugu.

Iyo wemerewe guhabwa urukingo hashingiwe ku kazi ukora (urugero: umukozi w'ikigo cy'amashuri gifite amashuri y'inshuke kugeza mu mwaka wa 12 cyangwa uri umukozi wo mu rwego rw'ubuzima), leta ya Ohio nta bindi byangombwa igusaba byemeza ko wemerewe kuruhabwa. Ariko nanone abakingira bashobora gushyiraho uburyo bwabo bwo gusuzuma no kugenzura niba wujuje ibisabwa.

Mbere y'uko gahunda wahawe igera, tukugira inama yo kubaza uzagukingira kugira ngo umenye ibyangombwa uzakenera mu gihe cya gahunda yawe yo gukingirwa. Ubwoko bw'ibyangombwa byemewe ni ubu bukurikira:

- Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga cyangwa ikindi cyangombwa kiriho ifoto, hatitawe ku gihe kizatera agaciro cyangwa aho cyatangiwe.
- Ikarita iranga ingabo y'ukiri mu kazi/wavuye ku rugerero.
- Inyandiko ya muganga (igaragaza amakuru y'inkingo watewe).
- Amakuru y'ibarura.
- Amakuru yo kurerwa n'abandi babyeyi.
- Icyemezo cy'ubwenegihugu.
- Icyemezo cy'amavuko: Inyandiko y'ivuka, yaba iy'umwimerere cyangwa kopi yashyizweho umukono ugaragaza ko yemewe.
- Ikarita y'abimukira itangwa na ambasade.
- Pasiporo.
- Icyemezo cy'ubwenegihugu.
- Ikarita yo gutura bya burundu.
- Inyandiko yo gusaba gusimbuza icyemezo cy'ubwenegihugu cyatakaye.
- Amafishi atangwa n'Ishami ry'Ubutegetsi bw'Igihugu.
  - Inyandiko zigaragaza ko wakoze mu rwego rwa gisirikari (DD-214)
  - Icyemezo kiriho umukono wo kwemerwa ko kuvukira mu mahanga ku muturage wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika (FS-545)
  - Icyemezo kiriho umukono wo kwemerwa kwa raporo yo kuvukira mu mahanga ku muturage wa Leta zunze ubumwe za Amerika (DS-1350)
  - Icyemezo gitangwa na Ambasade cyo kuvukira mu mahanga ku mubyeyi w'umunyamerika gihabwa umuturage wa Leta zunze ubumwe za Amerika (FS-240)
  - Icyangombwa cy'uko wemerewe gukora (I-766/EAD)
  - Icyemezo cy'ubwikorezi (I-797F)

*Byakozwe ku wa 26 Gashyantare 2021.*

Ukeneye andi makuru, wasura urubuga rwa coronavirus.ohio.gov.

Ukeneye ibisubizo by'ibibazo byawe byerekeye COVID-19, wahamagara 1-833-4-ASK-ODH (1-833-427-5634).

**Ubuzima bwawe bwo mu mutwe bufite akamaro nk'ubundi buzima bwo ku mubiri. Niba wowe cyangwa umuvandimwe wawe muri kunyura mu bihe bihangayikishije bitewe n'icyorezo cya Koronavirusi, ubufasha butangwa amasaha 24 kuri 24 mu minsi yose igize icyumweru. Hamagara umurongo wa telefone wagenewe ibibazo byerekeye COVID-19 ari wo 1-800-720-9616**.